National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BYA KOMITE YA POLITIKI Y'IFARANGA YA BANKI NKURU Y'U RWANDA

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 5%

Inama ngarukagihembwe ya Komite ya Politiki y'Ifaranga, yateranye ku wa 11 Gicurasi 2022, isuzuma ibyagezweho nyuma y'ingamba zafashwe mu nama iherutse, inareba uko ubukungu bwifashe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'Isi n'imbere mu Gihugu. Iri suzuma ryerekanye ko ku isoko mpuzamahanga, ibiciro by'ibicuruzwa fatizo bikomeje kuzamuka, byongera inkeke ku biciro by'ibicuruzwa na serivisi nkenerwa mu buzima bwa buri munsi, binatuma Banki Nkuru z'ibihugu zikomeza gukaza ingamba za politiki y'ifaranga zizamura igipimo cy'inyungu fatizo yazo, mu rwego rwo kugarura umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku bipimo ngenderwaho. Mu Rwanda, byitezweko umuvuduko w'izamuka ry'igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko uzaba hejuru y'urubibi ntarengwa rwa 8% mu mwaka wa 2022, mbere yo kugabanuka usatira igipimo fatizo cya 5% mu mezi atandatu ya nyuma y'umwaka wa 2023. Izamuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR muri Gashyantare 2022, ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga bishobora kugabanuka, hamwe n'igabanuka ry'umuvuduko w'ubukungu bw'Isi n'ubw'u Rwanda, ni zimwe mu mpamvu zizagabanura uyu muvuduko w'ibiciro ku isoko. Ishingiye ku miterere y'ubukungu n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, Komite ya Politiki y'Ifaranga, yafashe icyemezo cyo kugumisha igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR (CBR) kuri 5%.

## Intambara y'Uburusiya na Ukraine, imbogamizi ku izanzamuka ry'ubukungu bw'Isi

Intambara y'Uburusiya na Ukraine, ibihano bifatirwa Uburusiya hamwe n'ubwandu bw'icyorezo cya COVID-19 bukomeje (by'umwihariko muri Aziya), byitezweko bizakoma mu nkokora umuvuduko w'izamuka ry'ubukungu bw'Isi mu mwaka wa 2022. Ubukungu bw'Isi buziyongeraho 3.6% gusa mu mwaka wa 2022, buvuye kuri 6.1% mu mwaka wa 2021.. Zimwe mu mbogamizi ku izamuka ry'ubukungu ni nk'intambara ishobora kurushaho gukara, kwiyongera kw'ibihano bifatirwa Uburusiya hamwe n'igabanuka rikabije ry'umuvuduko w'ubukungu bw'Ubushinwa kubera ingamba zikaze zo kurwanya icyorezo cya Covid-19. Ihagarikwa ry'ibikorwa (Gahunda za guma mu rugo) mu duce tw'inganda n'utw'ubucuruzi bishobora kubangamira urujya n'uruza rw'ibicuruzwa na serivisi.

Bitewe n'ingaruka z'intambara, hamwe n'inkeke ku biciro muri rusange, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku isoko witezwe kuguma hejuru mu gihe kinini kuruta uko byari byitezwe mbere. Ku rwego rw'Isi, impuzandengo y'izamuka ry'igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko iteganyijwe kugera kuri 7.4% muri 2022 ivuye kuri 4.7% mu mwaka wa 2021. Intambara ishobora kugira ingaruka ku buryo burambye ku biciro by'ibicuruzwa fatizo, izamura ibiciro bya peteroli, gazi hamwe n'iby'ibiribwa ku buryo bukabije mu mwaka wa 2022, mbere yo kugabanuka mu mwaka wa 2023. Mu mpera z'umwaka wa 2021 no mu ntangiriro z'umwaka wa 2022, byinshi mu bihugu byateye imbere byatangiye gukarishya ingamba za politiki y'ifaranga mu rwego rwo kugabanya umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ukagaruka ku bipimo fatizo banki zabyo zigenderaho.

**Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuziba icyuho bwatewe n'icyorezo cya COVID-19**

Mu Rwanda, ibipimo byose byerekanaga ko ubukungu bwakomeje kuzazanzamuka ku rwego rushimishije mu gihembwe cya mbere 2022. Igipimo cyifashishwa mu gusuzuma icyerekezo cy'ubukungu mu gihe cya vuba (*CIEA*), cyazamutseho 13.7% mu gihembwe cya mbere 2022 kivuye kuri 11.9% mu gihembwe cya mbere 2021, bigaragazako ubukungu buziyongera cyane ugereranyije n'izamuka rya 3.5% ryagezweho mu gihembwe cya mbere 2021. Kubera itangwa ry'urukingo rwa COVID-19 ryoroheje ingamba zariho zo gukumira ikwirakwira ry'icyo cyorezo, hamwe n'ingamba ngandurabukungu zinyuranye za Leta hamwe na politiki y'ifaranga ya BNR yorohereza ishoramari, ibikorwa by'ubukungu byariyongereye mu gihembwe cya mbere 2022. Izi ngamba kandi zizakomeza gushyigikira izamuka ry'ubukungu mu gihembwe cya kabiri cy'uyu mwaka wa 2022.

Nyamara, izamuka ry'ibiciro ku isoko muri ibi bihe bya vuba, ahanini biturutse ku ngaruka z'intambara ya Ukraine n'Uburusiya, rizagabanura ibyo abantu bakoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi. Ibura n'ihenda by'ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga, hamwe n'ikirere cyangije umusaruro w'igihembwe cy'ihinga A, bizabangamira izamuka ry'ubukungu muri uyu mwaka, n'ubwo buzagumya kwiyongera cyane, ariko umuvuduko w'izamuka ukazaba hasi gato ya 7.2% wari witezwe mbere.

**Igipimo cy'inyungu banki zigurizanyaho cyariyongereye bitewe n'izamuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR**

Igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR cyiyongereyeho iby'ijana 50 kigera kuri 5% kivuye kuri 4.5% muri Gashyantare 2022. Bityo, mu gihembwe cya mbere 2022, impuzandengo y'igipimo cy'inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yazamutseho iby'ijana 11 igera kuri 5.29% ivuye kuri 5.18% mu gihembwe cya mbere 2021. Igipimo cy'inyungu banki zigurizaho abazigana kiyongereyeho iby'ijana 71 kiba 16.53% mu gihembwe cya mbere 2022 kivuye kuri 15.82% mu gihembwe cya mbere 2021. Nyamara, inguzanyo ku bikorera ziyongereyeho 14.2%, uyu muvuduko ukaba uri hasi ugereranyije n'uwo mu gihembwe cya mbere, umwaka wa 2021.

**Ubuhahirane bw'u Rwanda n'amahanga bukomeje kwiyongera**

Icyuho hagati y'ibicuruzwa u Rwanda rwohereza mu mahanga n'ibyo rutumizayo cyagabanutseho 2.6% mu gihembwe cya mbere 2022. Agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga kiyongereyeho 44.6% ugereranyije n'igihembwe cya mbere 2021 nyuma y'ihungabana ryatewe n'icyorezo cya COVID-19. Uku kwiyongera k'umusaruro w'ibyo Igihugu cyohereza hanze, kwatewe n'uruhurirane rw'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku masoko mpuzamahanga (nk'icyayi, ikawa n'amabuye y'agaciro) hamwe n'izamuka ry'umusaruro w'ibicuruzwa bindi byoherezwa hanze kubera izanzamuka ry'urwego ry'urwego rw'inganda nyuma y'ingamba nzahurabukungu za Leta. Ku rundi ruhande, agaciro k'ibicuruzwa u Rwanda rutumiza mu mahanga kiyongereyeho 14.2%, ahanini bitewe n'ubwiyongere bw'ibikenewe mu Gihugu hamwe n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga.

**Agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugereranyije n'idolari ry'Amerika kagabanutse ku muvuduko wo hasi**

Ku masoko y'ivunjisha, agaciro k'ifaranga ugereranyije n'idolari ry'Amerika kagabanutse ku muvuduko wo hasi (0.89%) mu mpera za Werurwe 2022 ugereranyije n'impera z'Ukuboza 2021, bitewe n'amadovizi yinjira mu Gihugu yiyongereye, ari ayavuye mu bicuruzwa byoherejwe mu mahanga, inkunga n'impano z'abantu ku giti cyabo n'iz'imari ya Leta. Mu gihe kiringaniye kiri imbere, nta mpinduka zikabije zitezwe ku isoko ry'ivunjisha, kuko ubwizigame mu madovizi bwa Banki Nkuru buhagije, bukaba bushobora gutumiza ibintu na serivisi mu mahanga mu gihe cy'amezi 4.6 mu mpera z'umwaka wa 2022 (hejuru y'igipimo fatizo cy'amezi 4).

**Mu mwaka wa 2022, izamuka rusange ry'ibiciro ku isoko riteganyijwe kuba hejuru y'imbago zagenwe.**

Mu gihembwe cya mbere 2022, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wariyongereye ugera kuri 5.9% uvuye kuri 1.2% mu gihembwe cya kane 2021. Iri zamuka ryagaragaye mu bicuruzwa by'ingeri zose; ibicuruzwa bibikika na serivisi, ibiribwa byangirika vuba n'ibikomoka ku ngufu. Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa bibikika na serivisi, wariyongereye ugera kuri 5.9% mu gihembwe cya mbere 2022, uvuye kuri 3.5% mu gihembwe cya kane 2021, ahanini bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa bitunganyirizwa mu nganda, ibiciro byo gusana no gusukura inyubako, ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa mu mahoteli na resitora n'ibiciro byo kugura ibinyabiziga.

Ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba byiyongereyeho 4.1% nyuma yo kugabanuka ku kigero cya 8.6%, kuko umusaruro w'ubuhinzi wabaye muke bitewe n'ikirere kitagenze neza.

Ibiciro kandi by'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 10.8% nyuma yo kuzamukaho 3.4%, ahanini biturutse ku izamuka ry'ibiciro by'inkwi n'amakara uko ibindi bicanwa nka gazi na peteroli byiyongereye bitewe n'izamuka ry'ibiciro byabyo ku isoko mpuzamahanga.

Bijyanye n'izamuka ry'ibiciro ku rwego rw'Isi, biteganyijweko igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizazamuka ku muvuduko wa 9.2% mu mwaka wa 2022, hejuru y'urubibi ntarengwa rwa 8%, mbere yo kugabanuka kugera kuri 7.6% mu mwaka wa 2023. Izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga rizagira uruhare runini muri iryo zamuka. Komite ya Politiki y'Ifaranga yasanze hakiri impungenge ku bijyanye n'icyerekezo cy'ubukungu bw'Isi muri rusange kandi zishobora kugabanura umuvuduko w'izamuka ry'ubukungu no mu Rwanda. Bityo Komite ya Politiki y'Ifaranga yafashe icyemezo cyo kugumisha igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru kuri 5% no gukomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe, kandi yiteguye gufata izindi ngamba mu gihe bibaye ngombwa.

Ku wa 12 Gicurasi 2022

**RWANGOMBWA John**

**Guverineri akaba**

**n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**